

KA02 1518

**IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO  
KURENGERA RUBANDA  
NYAMWINSHI.**

*Nyewe twagikamye no:  
Faustin abashyamba inkwato  
inkwato nziwera ngashamba  
ababura. Kwo nifu ni amafaranga  
gusa naho ibiyugwa byo  
ntawo bimwira.*



**BURUNDI L'ARMEE EN QUESTION**

**ABANYAMAKURU B'ABATUTSI BAGARAGAZA KO  
BASHYIGIKIYE INYENZI MU BINYAMAKURU BYABO.  
NONEHO AKABO KASHOBOTSE.**

**BURUNDI : ABAHUTU NIBAKOMEZA GUPFA HARABA  
HASIGAYE TWE.**

**IBINYAMAKURU  
BY'INYENZI-NKOTANYI**

- |                        |               |
|------------------------|---------------|
| 1. KANGUKA             | 5. IMBAGA     |
| 2. RWANDA RUSHYA       | 6. LE SOLFIL  |
| 3. LE TRIBUN DU PEUPLE | 7. KIBFRINKA  |
| 4. UMURANGI            | 8. NYABARONGO |

BIMENSUEL INDEPENDANT  
REDACTION GISENYI INFO.  
B.P. 19 GISENYI — B.P. 1312 KIGALI

Abonnement annuel : 1000 FRW  
Afrique 2000 FRW  
Europe 2500 FRW  
Sur carte BCR - 14273/14 - KIGALI

# PUBLICITÉ

KA02 1519

Ubwanditsi bwa KANGURA buramamaza Ishyaka P.D.R. (Parti Démocratique pour la Révolution).

Tumaze kubona ko rubanda nyamwinshi ikencye ishyaka ryayo riyigeza kuri Demokarasi nyayo, rikayitoza kwivugira no kuvugira abadafite aho bavugira, dusabye abanyarwanda bose mu madini yose, kuyoboka P.D.R. Iryo shyaka ritangiranye abayoboke benshi mu Rwanda, cyane cyane abashyigikiye ibitekerezo bya Dr. KAYIBANDA Grégoire, byo kurengera inyungu za rubanda nyamwinshi, n'ibitekerezo bya HABYARIMANA, we ushyigikiye amahoro n'amajyambere.

Abashaka kuba mu buyobozi bw'iryo shyaka, n'abifuzza ibisobanuro ku buryo burambuye, nimubaze GISENYI-INFORMATION B.P. 19 GISENYI, cyangwa B.P. 1312 KIGALI. Amahamere yego iryo shyaka rizagenderaho ubu arimo arategurwa n'akanama kabizobereyemo.

Umuco wo kugaya si uw'abanyarwanda. Muzi neza ko hari abashimishwa no kuvuga ko leta zombi ntacyo zakoze, yaba iya HABYARIMANA yaba n'ya KAYIBANDA. Twebwe icy'ingenzi ni ugushima ibyakoze n'abategetsi b'u Rwanda kuva twipakurura ingoma ya gihake tukarebera hamwe ukuntu ibyiza byakoze byakongerwa.

Abazagana iryo shyaka rero muzaze muzi ko tudashinzwe gusebanya no kuba bantamunozu. Muze twunganire abatubanjirije muri Politiki, n'abarangije akazi k'ubusirikare. Ngiryo ishyaka ryanyu, ababuze kivugira nababwira iki!

**KUBERA KO BIMAZE KUGARAGARA KO ABATUTSIBO MU BUGANDA — RWANDA — ZAYIRE NO MU BURUNDI BIFUZA KUDUTEGEKA BABINYUJIRE MURI CORRIDOR-HIMA, HAGOMBA ABAHUTU BENSHI BAKWIBUMBIRA MURI P.D.R. PARMEHUTU, BYABA NGOMBWA IRYO SHYAKA RIGAKORANA NA PALIPEHUTU YO MU BURUNDI, BITYO ABAHUTU BOSE BAKABONA AHO BAVUGIRA. NTIBAKOMEZE KWICWA URUBOZO.**

**UKIMARA GUSOMA IYI KANGURA, HITA  
UBARIZA AHO USANZWE UGURIRA  
IBINYAMAKURU HARI KANGURA N° 27  
SPECIAL CYANGWA NIBA UFITE SPECIAL  
MU NTOKI Zawe, SABA KANGURA N° 27  
UTARAGURA KUKO ZASOHOTSE ZOSE ARI  
EBYIRI.**

**AMAKURU ADASANZWE ARAGUTEGEREJE**

## ESE UBUNDI HARI HABUZE IKI NGO INGABO Z'IGIHUGU ZIKOSORE BARIYA BANYAMAKURU B'INKOTANYI ?



### ITANGAZO RY'UBUYOBOZI BW'IBIREBANA N'URUGAMBA MU NGABO ZU RWANDA.

Banyarwanda.  
Banyarwandakazi.

1. Muzi mwese ko igihugu cyacu cyatewe n'umwanzi uturutse mu gihugu cya UGANDA, ku itariki ya mbere z'Ukwakira 1990. Ingabo z'u Rwanda ubwo zarwanye inkundura, hanyuma zigaruza umupaka w'igihugu cyacu. Ubwo hari tariki ya 30 z'Ukwakira 1990. Kuva icyo gihe Inyenzi-nkotanyi zakomeje gushaka ukuntu zakwigarurira agace k'u Rwanda, uko kaba kangana kose, kugira ngo zibwire amahanga ko ziri mu Rwanda. Ingabo z'u Rwanda zakomeje kuba maso, aho izo nyenzi zikandiye zikababwa, zikisubirira aho ziba muri Uganda.
2. Umwanzi rero yaratsinzwe nta shiti, n'ubwo igihugu cya Uganda gikomeje kumushyigikira. Nyamara kandi yanze kwemera ko yatsinzwe, akaba akirota ko azafata u Rwanda, yifashishije inkunga ahabwa n'igihugu cya Uganda. Kugira ngo ashobore kugera kuri iyo ntego ye, umwanzi yahinduye uburyo bwe bwo gukora intambara: niyo mpamvu ubu yirirwa arasa ibisasu aho ingabo zacu zishinze ibirindiro, cyangwa se mu baturage b'inzirakarengane. Ibyo bisasu kandi akabyohereza yibereye muri Uganda. Mwakunze kubyumva kenshi mu maradiyo yanyu. Ikindi Inyenzi-nkotanyi zigambiriye, ni ukwitwira ijoro zikinjira mu Rwanda, zigamije kwiba, kwica abaturage se, cyangwa bamwe zikabatwara zikabajana iyo muri Uganda, zabagezayo nabo zikabica.

Iyo izo nyenzi zikora ibyo, ngo ziba zishaka kunaniza abaturage n'ingabo zacu, kugira ngo nabo bitakane Leta y'u Rwanda bavuga ko barambiwe, Nyamara rero aho

ziribeshya, ahubwo ni ukutamenya ubutwari n'ubwitange biranga ingabo z'u Rwanda. kimwe n'ukuntu abanyarwanda bose bakunda amahoro, bakaba nta na rimwe bashobora gucibwa intege n'ibyo izo nyangarwanda ziri kubakorera. ngo bibagirwe ko Leta y'u Rwanda ikora uko ishoboye kose ngo amahoro abe yagaruka vuba mu gihugu.

Aho ngaho naho rero, inyenzi zirebye neza zasanga ziri gutsindwa, kuko ibyo bikorwa byose by'ubugome ziri gukorera cyane cyane abaturage b'inzirakarengane, ntacyo biteze kuzigezaho na gato.

3. Nyamara Inyenzi-nkotanyi ntizisiba guhimba amayere, kugira ngo zirebe ko zagera ku ntego ziyemeje ariyo yo gufata ubutegetsi mu Rwanda. Dore nk'ubu inzego za gisilikare zishinze iperereza zakoze uko zishoboye ngo zishobore kuvumbura ayo mayere mashya y'inyenzi, none zashoboye kuyatahura, tukaba twasanze ari ngombwa kuyageza ku baturarwanda bose, kugira ngo nabo ubwabo biyumvire ayo mayere y'umwanzi, ariko cyane cyane kugira ngo bajye bamenya uko bagomba kubyifatamo, kandi barusheho gufasha ingabo z'u Rwanda n'izindi nzego zishinze umutekano, kuburizamo ayo mayere y'umwanzi udashaka ku izima. Umwanzi rero amaze kubona atsinzwe ku rugamba rw'amasasu, yigiriye inama yo gukoresha ubundi bwenge. Dore rero programu nshya y'umwanzi, nk'uko imaze gutahurwa n'iperereza ry'ingabo z'u Rwanda:

a) Kuminjira ibisasu ku ngabo z'u Rwanda, inyenzi zibereye muri Uganda, ngo kugira ngo ingabo zacu zirakare maze zambuke umupaka, noneho Leta ya Uganda ivuye iti: dore u Rwanda rwateye, noneho ingabo za Uganda zibonereho gutabara, zifashe noneho ku mugaragaro Inyenzi-nkotanyi. icyo ni icyambere.

b) icya kabiri, Inyenzi zimaze kubona ingabo zacu zifashe zikanga guhubuka, zatetse umutwe maze ziga ubundi bugome bukabije. Zigahagarara

hafi y'umupaka, maze zikarasa ibisasu muri Uganda, abaturage ba Uganda nabo bakahagwa abandi benshi bagakomereka. Ubwo ngo Inyenzi zikaba zizeye ko zizumvisha Leta ya Uganda ko ibyo biri gukorwa n'ingabo z'u Rwanda.

Ibyo bimaze gukorwa kenshi, ndetse no mu minsi ishize twaje kumenya ko izo Nyenzi-nkotanyi zaba zararashe mu mujyi wa Gisoro muri Uganda hagapfa abantu benshi abandi bagakomereka. Ngo zari zizeye ko Ingabo za Uganda zihita zitera u Rwanda, zagira agace zigarurira zikagasigamo Inyenzi-nkotanyi, zikisubirira iwabo.

- c) Ibyo byose rero murabona ko ntacyo byashoboye kuzigezaho: niyo mpamvu Inyenzi-nkotanyi zatetse undi mutwe, ibyo bikaba bimaze n'igihe, kandi zikaba zizeye ko wo ngo utazapfuba. Muti uwo mutwe uteye ute? Urebye ni programu ndende kandi ifite ibyiciro byinshi, ariko byose bigamije gufasha Inyenzi-nkotanyi kwifatira ubutegetsi.

Dore uko biteye:

1° icyiciro cya mbere kwari ugushinga mu Rwanda ibinyamakuru bimwe byigenga, Inyenzi-nkotanyi, zikoresheje ibyitso byazo, zikajya zibibwira ibyo bigomba kwandika, izo nyandiko kandi zikaba zigamije cyane cyane gusebya ubutegetsi bw'u Rwanda, no gucengeza ibitekerezo bishyigikira umwanzi. Uretse no gushinga ibyo binyamakuru, Inyenzi-nkotanyi zafashe na bimwe mu binyamakuru byigenga byari bisanzweho, zishoramwo amafaranga menshi, maze nabyo bibisaba gukorana nazo.

Icyo cyiciro cya mbere cyagezweho, kuko umuntu wese ushishoza ntiyatinda kubona ko koko ibinyamakuru bimwe na bimwe bishyigikiye ku mugaragaro umwanzi. Ibyo bigakorwa kandi byihishe inyuma y'uburenganzira bwa buri muntu bwo kwandika no kuvuga icyo ashaka.

2° icyiciro cya kabiri, ngo ni ukumunga amashyaka amwe n'amwe avuka mu Rwanda. Inyenzi-nkotanyi zikayumvisha ko zifatanije nayo, ngo kugira ngo bahirike ubutegetsi buriho. Muri urwo rwego, Inyenzi-nkotanyi, na none zikoresheje ibyitso byazo, zagiyeye zishyira abantu bazo muri ayo mashyaka, akaba ariho bacengeza ibitekerezo bashaka, cyane cyane ibica abantu mu uduce, cyangwa bigamije gukurura imvururu mu gihugu. Iyi programu ngo yaba yaratanzeho amafaranga menshi cyane.

3° Mu icyiciro cya gatatu, umwanzi ngo ashaka cyane gushyigikira ibyerekeye amoko n'uturere, maze abantu bagasubiranamo, intambara ikarota mu gihugu hagati, nabo umwanzi akigira nyoni nyinshi, akabwira amahanga ati ibintu byacitse, ahubwo nimunshyigikire nshobore guhosha iyi ntambara yamaze abaturage b'u Rwanda. Kugira ngo umwanzi agere kuri iyo ntego, yitabiriye gukoresha bya binyamakuru bye, bikirirwa byandika ngo ntakajyamo hagati y'abakiga n'abanyenduga, cyangwa se hagati y'abahutu n'abatutsi, cyangwa bita abanyanduga n'abatutsi bararenganye muri iki gihugu, n'ibindi n'ibindi... Ibyo byose ntahandi biri guturuka, ni programme ndende y'Inyenzi-nkotanyi n'abazishyigikiye.

4° icyiciro cya kane kireba ingabo z'u Rwanda. Umwanzi ngo asanga ibyo akora byose ntaho yanyura ingabo z'u Rwanda. Niyo mpamvu ngo agomba gukora uko ashoboye akazizanamo amacakubiri, akazizeza ibitangaza, kandi akazumvisha ko zaba zifashwe nabi, maze zikaba zacika intege, akazibonera aho. Ubu hakaba hari ibyitso ngo byirirwa bishaka abasirikare bitembereza mu mamodoka bibacengezamo ibyo bitekerezo, abandi bikabase-ngerera iz'ubuntu, ari nako bishaka kubavanamo amabanga yerekeranye n'ukuntu bahagaze ku rugamba.

5° Mu icyiciro cya gatanu, Inyenzi-nkotanyi, zikoresheje ibyitso byazo, zirashakisha ku

murya amabandi n'abandi bagizi ba nabi, kugira ngo bakore ibikorwa by'ubugome bukabije, nko kwiba bakoresheje intwari, ari byo biyana no kwica kugira ngo bateshe abaturage umutwe maze mu gihugu haze akaduruvayo.

Bityo, ngo inyenzi zirizera ko abaturage batatinda kwivumbagatanywa, bavuga ko ubutegetsi buriho ntacyo bubamariye, kuko budahosha iryo terabwoba ry'inyenzi nshyashya.

6° Ikindi icyiciro Inyenzi-nkotanyi n'abazishyigikiye bashaka kugeraho, ari nacyo cya gatandatu, ni ugusenywa ibintu: nk'amazu ya Leta n'inganda kimwe n'ibindi bikorwa bya kiyambere, bataretse no kwica abantu babahotoye.

Ibyo ngo bakaba bashaka kubikoresha abantu babo babizobereyemo, bagomba kwinjira mu gihugu rwihishwa bakihisha mu byitso byabo, ndetse ngo n'indaya zimwe na zimwe zishakira amafaranga, zikaba zakoresheje mu gucumbikira abo bicanyi no kubabikira ibikoresho byabo, nk'imbunda, amasasu, na bya bisasu bisenya imodoka aribyo bita « mines » mu gifaransa.

4. a) Ngayo rero, banyarwanda, banyarwandakazi, amayeri umwanzi w'amahoro yatangiye gukoresha nk'uko abashinze iperereza babivumbuye. Umwanzi arashaka gukwirakwiza mu gihugu umwuka mubi uturutse ku mutekano muke, kugira ngo abanyarwanda batangire kuryana basubiranamo, maze umwanzi abone uko abinjirana.
- b) Umwanzi arakoresha amashyaka ya politiki kugira ngo ayifatire rimwe rimwe, maze kera kabaye azatsinde intambara atashoboye gutsinda akoresheje intwari. Ibi rwose amashyaka agomba kubimenya akabyirinda burundu.

Nk'uko mubizi rero, ubu politiki ishingiye ku mashyaka menshi yarahamye mu gihugu, kandi nta muntu n'umwe ushobora gutambamira iyo nzira itaziguye izageza abanyarwanda kuri demokarasi nyakuri. Iyo

nzira kandi twese turayishyigikive, nyamara kandi n'ubwo tutabona kimwe inzira twanyuramo kugira ngo tubonere umuti ibibazo bitwugarije abanyarwanda twese tugomba gukomera ku bumwe bwacu, tugomba kuvuga rumwe kuri iyi ntambara Inyenzi-nkotanyi zaturashyemo.

Nyamara siko tubibona ubu ngubu! Iyo amashyaka amwe n'amwe avugaga rumwe n'umwanzi udutera, iyo hari abanyarwanda bamwe na bamwe bahohotera abavandimwe babo habitiranywa n'abanzi b'igihugu, mu gihe abanzi nyakuri b'u Rwanda basuka amasasu ku basilikari bacu no ku baturage baturiyeye umupaka w'u Rwanda na Uganda, kandi bakabirarirwa (bakabishimirwa) na bamwe mu gihugu, abanzi b'u Rwanda, baba babibona bikabatera ingufu bagakomerezaho.

Iyaba nyamara twavugaga rumwe kuri icyo kibazo cy'intambara, umwanzi aba yaratsinze ruhenu kuva kera. Ariko iyo uwo mwanzi abona ko amayeri akoresha hano mu gihugu yifashisha ibyitso bye amugeza ku byo agamije, akomeza kugira icyizere, maze ibintu byamara kuzamba, bigeze iwa Ndabaga agafata igihugu, agasubiza abanyarwanda ku ngoyi. Hano mu gihugu rero hari bamwe mu bavandimwe bacu barimo gufasha umwanzi kugera kuri iyo ngirwa mugambi.

- c) Dusabye rero abavandimwe bacu b'abanyarwanda bose kwima amatwi no kwamaganira kure ayo mayeri y'umwanzi, kugira ngo batagwa mu mutego wateguranywe (amayeri ahanitse) ubuhanga buhanitse bugamije gufata ubutegetsi bitanyuze mu nzira ya demokarasi abanyarwanda twiyemeje.
- d) Nta n'umwe ubujijwe kugaragaza ibitekerezo bye no kubitangaza mu binyamakuru ashatse nk'uko itegeko nshinga ribimuhera uburenganzira. Ariko buri muntu asabwe gushishoza, agasoma ibinyamakuru byubaka, kuko nk'uko mubizi hari ibinyamakuru bihatira ku mugaragaro abanyarwanda kwangana no kwicamo uduce

dushingiye k'uturere cyangwa ku moko.

Icyo umwanzi agamije ni kimwe. Kuva yatera umwaka ushize, icyo ashaka ni ubutegetsi bitanyuze mu nzira ya demokarasi.

e) Abahagarariye amashyaka bakwiriye rwose gutoza abayoboke babo kugira amarere make, kuko bashobora kuba batabona ko umwanzi abakoresha, umwanzi ugambiriye kubigarurira kugira ngo bamufashe kugera ku mugambi we batabizi maze kera kabaye abahirike, abagire ingaruzwamuheto, Hariho abanywana na Shitani bakeka ko (izabitura) izabagororera ngo ibintu bimaze gutungana, nyamara bakiyibagiza ko icyo gihe bazibuka ingata basheshe.

f) Turasaba abanyarwanda bakunda igihugu cyabo nta buryarya (gukenyera) guhaguruka bakarwanya umwanzi ubugarije aho kujya mu myirya umwanzi abarohamo kugira ngo imufashe (kugira ngo) bazakanguke yaramaze kubafatana igihugu.

g) Twongeye kwibutsa Ingabo z'igihugu ko tuzishyigikiye byimazeyo. Turazisaba gukomeza guhangana n'umwanzi wanze kuva ku izima kandi azi neza ko gufata u Rwanda akoresheje intwari yabinaniwe kera, kuva cya gihe intwari, ingabo z'u Rwanda zimwambukije inkiko z'u Rwanda na Uganda agasubira iyo yaturutse iyo hakurya.

Ngabo z'u Rwanda nimwime amatwi ba Yuda bagambiriye kubashuka, babasezeranya ibya Mirenge ku Ntenyo, cyangwa ubundi butiriganya bwinshi kugira ngo mugabanye umurego mu birindiro byanyu. Kuba u Rwanda rukiri u Rwanda ni mwe (Ngabo z'u Rwanda). None se ubu nibwo mwareka umwanzi akinjira mu Rwanda nk'uwinjira mu rugo iwe, kandi tumaze umwaka urenga tumena amaraso yacu duharanira ubusugire bw'igihugu cyacu?

5. Banyarwanda, banyarwandakazi, ngayo amayeri umwanzi yadukanye. Nimube maso, mushyire hamwe

kugira ngo mushobore guhangana nawe, mumukubite inshuro. Nkotanyi namwe, mumenye ko twabavumbuye; amayeri yanyu turayazi, Ibyiza rero, nimugane inzira y'amahoro, Abanyarwanda ntituzahwema gushyigikira ingabo

z'u Rwanda zambariye gukubita inshuro umwanzi w'igihugu aho yaba aturutse hose.

U Rwanda rwahisemo inzira y'amahoro, nyamara kandi nta n'umwe ruzemerera kuruca inyuma yitwaje ko rukunda amahoro. U Rwanda ruri maso.



*Nyewe TWAGIRAMUNGU  
Faustin aho gusubira kudoda  
inkweto nzemera ngambanire  
abahutu. Icyo mfa ni amafaranga  
gusa naho ibivugwa byo  
ntacyo bimbiye.*

## WARI UZI KO?

### Iby'i Burundi n'amayobera

Ubushize ubwo abarundi bitakishaga ko batewe, bavugaga ko, ababatera baturuka muri Tanzaniya. Aho gufunga imipaka yabwo n'icyo gihugu bemezaga ko gicumbikiye abagitara, ahubwo bahisemo gufunga iy'u Rwanda. Bigera n'aho birukana uhagarariye igihugu cy'u Rwanda aho i Bujumbura. Umuntu yasesengura ibibazo biri hagati y'u Rwanda n'u Burundi. Abategetsi bacu bahura bagakomeza guhishanya. Nkibaza aho bizatugeza nkumirwa. None se, ninde utazi ko uwitwa BANKURUNAZE Baritazari wirukanwe ku butaka bw'u Rwanda ko ariwe wacikishije inkotanyi zose zavuye mu Rwanda zigahungira i Burundi harimo ba RWIGARA n'umuryango we. None se ninde utazi ko KARONKANO nawe wirukanwe kubera gukora ibinururije n'ibyo, yarashinzwe gukora.

Ninde utazi ko ariwe waranguraga ibinyamakuru byose by'abatutsi akabijyana ku bicururiza i Burundi; nka za Rwanda Rushya, Tribun du peuple, Kanguka, Nyabarongo, Kiberinka, Umurangi, n'ibindi byose by'inkotanyi. Yewe uwavugaga ibibazo byose biri hagati

y'u Rwanda n'u Burundi yaseka agatamba!!!

### Wari uzi ko?

Yewe abahutu ntibungu ubumwe koko. Inzu icuruza ibinyamakuru by'inyenzi ku Gisenyi n'ya Colonel NGAYINTERANYA. Akaba yarayikodesheje ba basore b'ibyamany, bimwe muri byo dore ko harimo ibitazi gusoma no kwandika byigeze gushyiraho akanyamakuru kitwa Journal Uruyange «Le Matin» imigambi yako ikaza gutahurwa kadateye kabiri. None se koko ninde wakwemera ko inzu ya Colonel Ngayinteranya yakoreramo abitwa: Ntamukunzi Muhamed Mwene OMAR GITANDA, HAMADA SEFU, BAGOYI, Agronome, umututsi w'i Nyanza ubarizwa kuri icyo nzu ya Colonel. N'ibindi byimany byose bibonka kuri icyo nzu byirirwa byogeza ishyamba ry'inkotanyi. None se ninde wakwemera ko icyo nzu ariyo ibarizwamo, Kanguka — Rwanda Rushya — Umurangi — Nyabarongo n'ibindi byose byandikwa n'inkotanyi. Twibutse kandi ko uriya Ntamukunzi ariwe watangiye bwa mbera gutesha Commandant Bizimana umutwe amwandika mu kinyamakuru cyitwa IJAMBO.

## BATURAGE BA BUTARE NIMUBE MASO.

**Recommandé A.R. N° 574 na  
Recommandé 577 du 16-11-1981  
A.S.E. Général Major, Président  
de la République Rwandaise,  
Président-Fondateur du  
M.R.N.D. et la Direction Imvaho  
i Kigali.**

« **Baturage ba Butare nimube maso** »

Mutura Rwanda, fata, usome Imvaho n° 401 ya tariki 2 — 8 Ugushyirwa 1981 wihere amaso ubwenge, n'agatimama.

Kariya gatsiko k'abantu bakomeye, kandi bazwi, bihishe mu izina rya UWIZEYIMANA Fideli C/O Komini Shyanda, Segiteri Kinteko, Butare, muri ruriya rwandiko rwabo: « *Baturage ba Butare nimube maso* », ndabona barikoze!

Fata usome icyo imvaho n° 401, ku rupapuro rwa 7: Bati:

1. Mu Rwanda hose uhura n'umuntu ati « Jye sinzirirwa ntora »: uti « kubera iki? » Kuko abarwanashyaka ari bo bigarukiye!

Bishe itora; Barahiye Perezida wa Repubulika! Si i Butare gusa ni mu Rwanda hose, naho Imvaho, Gazeti ya Repubulika y'u Rwanda isomwa!

Kuko beruye bati:

« Mu Rwanda hose ntawe uzirirwa atora Cf *IMVAHO N° 401 alinéa 1.* ».

2. Bati « *Biratangaje kubona umuntu wabayeho imyaka ingahe ateguka ariko yitwikiriye ubwoko butari ubwe none yamara kugaragazwa ndetse akanabihanirwa ngo aje kwiyamamaza.* »

*Kaliya gatsiko ka bariya bantu kandi Bakuru bigize: KAMENABANGA.* »

Si uriya bavuga wenyine baracumiramo n'abandi benshi cyane bari mu myanya y'ubutegetsi bitwikiriye ubwoko butari ubwabo kandi rero ni BENSHI.

3. Bati « *Nimutubwire ukuntu umuntu wahakanye ko ntakwiyunga gushoboka hagati y'amoko mu Rwanda, ashobora kwiyamamaza muri Muvoma irwanya amoko?* »

Uwo ni Umuhutu GITERA

Joseph. Ikidaterwa ubugabo n'urwagwa. icyateye imfura agahinda. Kigatera Gahutu ubwuzi, Rubanda Rukidagadura, kariya gatsiko ka za LUNARI na RADER, bagira ngo BARASHETA!

Bari kuri gahunda ya za pula (*plans*) na programmes za Rudahigwa na Ndahindurwa!

Kimwe na Mutara III Rudahigwa n'abatware be bose, barahuma amaso rubanda nyamwinshi bayibwirisha inyandiko ya Leta, ko: NTA KIBAZO MUHUTU-MUTUTSI MU RWANDA.

« *Il n'y a pas de problème!* ».

4. Nubwo babeshya rubanda ngo « nta kibazo Muhutu-Mututsi mu Rwanda ».

Kimwe na Kigeli V, Ndahindurwa n'abafasha be bose za LUNARI na za RADER, kiriya kibazo kitoroshye bakiboneye umuti:

Intwara z'amoko yose, n'amasasu ikaze, bararunze! Amayeri yose yo gufatanya bene Gahutu kubaryanisha no kubicanisha, bayarimo, ndetse bayagazeho! Baraboshya ubutitsa gukorera za « *Coups d'Etat* », kurimburana ngo bazaze batemba ahashashe. Babirimo, kandi barabishoboye: Bafite amafaranga atabaze, bafite amamodoka y'amoko yose, n'amapikipiki y'amoko yose. Kandi nta mugayo:

Bafite « BA NYIRAMUKESHA, BABIBAHESHA »!

5. Koko rero, mu mibare yabo, nibyo: Abahutu nibamara kurimburana — kandi babirimo —, abana b'abahungu babishyikiramo, babashukisha IFARANGA na BA NYIRAMWIZA, ikibazo MUHUTU-MUTUTSI mu Rwanda kizaba gikemuwe, bongere baririmbe bati: « *Harabaye Nihakabe.* »

6. Bati « *Ntekerereza ukuntu abantu bategetse Parmehutu n'Aprosoma imyaka n'indi, ubu bavuga ko bacengewemo n'amatwara ya M.R.N.D.?* »

Bati « *Rwose nibasigeho KUDUTWIKIRIZA MUVOMA, bayishyiramo za Parmehutu na*

*Aprosoma ngo aha barashaka kuvugira Rubanda Rugufi, dore ko ari byo bagize ikitwazo!* »

**BURIYA IMPAKA NTIZI-SHIZE??!**

7. Munyarwanda wese, wahoze uri mu bategetsi ba Parmehutu n'Aprosoma, nawe buri wese wayibereye Umurwanashyaka, ugashyigikira ayo mashyaka yombi ya Benegahutu na Rubanda Rugufi, bati « *Nta kuntu wavuga ko wacengewemo n'amatwara ya M.R.N.D.* ».

Bati « *Rwose sigaho kudutwikirira Muvoma yacu, uyishyira za Parmehutu n'Aprosoma zanyu.* »

Mbega « *Coup d'Etat* » y'ingutu, ureke ya mafitiro ya ba LIZINDE n'agatsiko ke!

Kariya gatsiko k'Uwizeyimana Fideli KARARIKOZE!

Dore byitegereze: bati « *Rwose sigaho gutwikirira Muvoma yabo.* »

Wowe GENERAL Major na bagenzi bawe, bo mu nzego zose, mwabaye abategetsi ba Parmehutu n'Aprosoma bakabashyiraho mukabibera abarwanashyaka mukabashyigikira. Bati « *nimusigeho kudutwikirira Muvoma muyishyiramo za Parmehutu n'Aprosoma zanyu* » Bati « *Ntawabaye Parmehutu n'Aprosoma wavuga ko yacengewemo n'amatwara ya M.R.N.D.* »

Militant HABYARIMANA Juvénal, Général Major, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, namwe mwese mwabaye mu nzego z'ubuyobozi bwa Parmehutu n'Aprosoma no mu nzego zose z'ubutegetsi bwashinzwe n'ayo mashyaka yombi yazamuye Gahutu na Rubanda Rugufi.

Ubwo se kariya Gatsiko, nako iriya « *MUVOMA Nshya* » y'abavugira muri UWIZEYIMANA Fideli, NTIRIBA TESHEJE??!

Mwavugaga ko M.R.N.D. ari iya bene Rwanda bose, bose bayibumbiyemo!

Bati « *Rwose mwidutwikirira Muvoma muyishyiramo za Parmehutu na Aprosoma!* ». Mwavugaga ko amatwara ya M.R.N.D. ari aya Revolisiyo yo muri 1959, ari nayo yabyaye Repubulika y'u Rwanda,

## KANGURA IRATAKAMBIRA AMAHANGA.

Journal KANGURA  
C/o Gisenyi INFO.  
B.P. 1312 Kigali

Kigali, le 26/12/1991.

Impamvu : Kumenyeshya amarorerwa akorerwa abahutu bo mu gace k' Afurika yo hagati cyane cyane mu Burundi.

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'Ubufaransa  
i Paris

Binyujijwe kuri Perezida wa Leta zunze ubumwe zo muri Amerika i Washington.

Binyujijwe kuri nyiri icyubaho Umwami w'Ububirigi.

Binyujijwe ku miryango yose itera inkunga u Burundi.

Nyakubahwa Perezida,

Twebwe abanditsi ba KANGURA, ikinyamakuru cyigenga mu Rwanda no mu mahanga, tubiyambaje kugirango tubagezeho amarorerwa akorwa n'abatutsi bo muri kano karere dutuyemo mukaba muhafite abahagarariye igihugu cyanyu.

### IBIBAZO NI IBI BIKURIKIRA.

Io Nkuko mu bizi muri kano karere kacu hatuye ubwoko bugizwe n'abantu bake ariko barangwa no kwikuza bita abatutsi. Hakaba n'abandi basa nkaho batazwi kubera kwibera mu mashyamba aribo batwa. Hakaba na ba rubanda nyamwinshi bo bagize hejuru ya 85% by'abatuye u Rwanda n'u Burundi. Abo batutsi rero bigeze gutegeka u Rwanda, u Burundi, igice cy'u Buganda, n'igice cya Zaire. Nyuma y'igice cya kabiri cy'iki kinyejana turimo mu

Rwanda baje kwamburwa ubutegetsu habaye ubufatanye bw'abagiraneza b'abazungu na ba baturage bagize umubare munini. Ariko ntibyaciriye aho kuko abo batutsi bafatanije n'umuhima Museveni baje kwiga amayere yo gukoresha imbunda no gusebanya kugirango babone uburyo bazigarurira ubutegetsu bw'i Kigali. Ibyo bakabigira bashakira kwigana ubutegetsu bw'i Bujumbura kuko abatutsi ari bo bagitegeka mu gihe kirenze ibinyejana 4.

Mu bufatanye bwa Museveni bwahise bwigaragaza kimwe n'ubutegetsu bw'i Burundi bwatanze ahantu ho kwitwaza ibya gisirikari, abatutsi baketse ko bazafata u Rwanda bitabagoye. Mu gihe baruteraga, abahutu bunze ubumwe, bashyigikira ingabo z'igihugu maze zikubita umwanzu inshuro maze ubufatanye bw'abatutsi buba bukojejwe isoni. Kubera amayeri yabo, bakomeje gutera baturutse mu Buganda ariko abenshi bagatorezwa mu Kirundo ho mu Burundi. Benshi kugeza ubu ntibarabyumva nyamara buriya bwoko bufite umugambi wo kwigarurira Afurika y'ibiyaga bigari : muri Uganda baratsinze. I Burundi n'uko u Rwanda rumaze gu shyirwa hagati, muri Zaire ho icyifuzo cyo kwigarurira Kivu y'amajyaruguru n'amajyepfo, kigaragara mu mabarwa abatutsi bo muri ako gace bandikiye umuryango w'abibumbuye hasabira aho hantu ubwigenge.

Mu gushakira gutata cyangwa kuguma ku ubutegetsu, abatutsi bategeka u Burundi bahimbye amayeri bemeza ko ishyamba riga mije kubohozza abahutu ryitwa PALIPEHUTU ngo ryateye u Burundi. Nyamara namwe ubwanyu

mwaje gusobanurirwa n'abahagarariye u Bufaransa i Bujumbura ko ibyo bintu byahimbwe n'abasirikari b'abatutsi b'i Burundi bagambiriye kurimbura abahutu. Ubwo rwose biracika kuko intumwa zihagarariye Uburenganzira bw'Ikiremwa Muntu zikorera aho i Burundi zabyerekanye. Zimaze kuhagera zasanze ibihakorerwa biteye isoni, nyamara ibihugu ni imiryango mhuza-mahanga bigakomeza bikicecekera.

Ntibyumvikana ukuntu u Burundi bwafata abantu 250 icyarimwe (b'abahutu) maze bagahambwa mu cyobo kimwe kandi ari inzira karengane, ntaho bahuriye n'ibya politike. Kandi n'ubwo baba hari aho bahuriye nabwo nta shingiro bifite ngo abantu bapfe kariya kagene.

Icyo twebwe tubasaba ni uko mutakwizera cyane ibivugwa na Leta y'u Burundi, ahubwo mukakirana ubushishozi ibizatangazwa na za ntumwa zoherejwe gukora iperereza zivuye i Burundi, dore ko ziyemeje no kuzakora ibiganiriro mbwirwaruhame kubyo ziboneye kugirango abahaguruka, bahagurukire gukiza inzira karengane.

Ugucyekeka kwanyu kudutera ibibazo, nyamara muramutse mutangaje icyo mubitekerezaho hari ubwo byagirira rubanda nyamwinshi akamaro kanini.

### ITANGAZO

Journal KANGURA iramenyeshya abaturage bose ba Komini Butaro ko yifatanyije nabo mu kababaro batewe n'igitero cy'inyenzi-Inkotanyi. Amayeri y'umwanzu mwese mwarayamenye, mukomeze mube maso.

Turi kumwe.

### PEREZIDA HABYARIMANA ABANYENDUGA BARI KINNYE UMUTWE NTIYASOBANUKIRWA.

Iyumvire nawe Abanyenduga bashatse kumwira muri 1973 kuko yari abahagarariye by'i Rwanda ikinga akaboko. Aho agereye ku ubutegetsu nabwo yibagirwa ko inkoni ikubise mukaba ushireza umuho. Bamukoma umutwe taratinda sibwo ze ubutegetsu bwitwaga ko bugizwe n'Abakiga abubahaye batahumbabaye, akanabutanga atagishije inama bene wabo bazasangira ibibazo byakomeye.

- Agufatiye Minisitiri w'Intebe, utegeka igihugu, amugira umunyenduga.
- Agufatiye Minisitiri utegeka Ingabo amugira umunyenduga.
- Agufatiye RUTAYISIRE ushinze Iperereza muri Jandarumuri abaye umunyenduga.
- Agufatiye KARANGWA ushinze Iperereza muri MINADEP abaye umunyenduga.
- Agufatiye KATABARWA, umututsi waketsweho ubukotanyi, amubaye umupaka yose y'u Rwanda.
- Agufatiye Ubukungu n'Inganda abaye umunyenduga.

Yewe, HABYARIMANA nubwo tumushigikiye nareba nabi bariya bagabo baranugirira ibyo yagiriye KAYIBANDA. KANGURA yifatanyije n'abantu bose hababajwe na buriya bibazo.

nka KANGUKA, RWANDA RUSHYA, Ie TRIBIN DU PEUPLE, n'ibindi, tuzakorana nabho maze bikatubera ibyitso bikomeye. Twe rwose ubu nta kibazo cy'intwara dufite, ibibunda bya rutura tumaze kubigwiza, ingaho zigizwe n'abatutsi gusa zongerewe umubare n'ibindi bya ngombwa byose zikenera; nta gihugu na kimwe cyo muri aka karere kibiyaga bigari cyapfa kutwigerereza.

**Q — Murashaka kwiyibagiza ariko ko byakomeye na rubanda rugizwe ahanini n'abahutu rwahaguruka n'imiheto n'imipanga rugapfa kubiyahuraho, kuko na none ari hahandi harwo rugapfa rwisasiye.**

**R — Ubivuze neza koko, ko byaba ari ukwiyahura; ubu gahunda yose yarakozwe y'uko abatutsi icyo hava bakagera bakwitabara haramutse barewe. Urwo rubanda rutatumenesheje muri za 1960 nacyo ubu rushobora kugeraho na gito, nirwemere rupfe rupfuke; gerenade imwe irahagije kurusandaza.**

**Q — Ariko ngo ubutegetsi ntutsi bw'i Burundi bwagize uruhare rugaragara mu gushumurira u Rwanda inkotanyi zaruzahaje?**

**R — Ibyo byari ngombwa cyane, umugambi wazo twari twuzi neza kuko twabanye kubyumvikanaho na nyakwigendera RWIGEMA na Perezida MUSEVENI ubwe. icyakora nyine ntitwagombaga kubigaragaza cyane; abenshi bitoreza koko iwacu, tukabaha intwara, amafaranga n'inzandiko z'inzira, ariko mu gutera bakavohya amarari bambukiye i Buganda. Kuko n'ubwo twugaga ngo twihagazeho bihagije, ntitwakwiha guhangana n'ikindi gihugu n'aho cyaba ari u Rwanda, kubera cyane cyane abanzi b'abahutu baturimo imbere. Naho ubundi ntitwari gukumira inkotanyi zishatse guturuka iy'amajyepfo y'u Rwanda. Kuzifasha ho tuzakomeza tuzitara inkunga, kuko ari bene wacu, kuko ziramutse zitsinze yaba ariwo mahirwe yacu, ndetse tubaye abakozanyaho n'u Rwanda zahita nazo zitugoboka, ubundi dufite umugambi wo gushubira abatutsi ku ngoma mu bihugu bidukikije byose, maze tukazarema ubwami**

hima-tutsi muri Afurika. icyitwa umuhutu cyo ni ngombwa ko gisibangana ku isi twarabyiyemeje kandi tuzabigeraho nta kundi byagenda.

**Q — Ko abanyaburayi babafatiye runini muri byose bashaka politiki y'amashyamba menshi, muzabigenga gute kugira ngo imbaga y'abahutu itiganze mu matora.**

**R — Mu gihe tutarashobora kubagabanyisha isasu ngo bigere aho tubaruta ubwinshi, tuzihatira gushyiraho abakandida bacu gusa mu nzego za politiki n'izubutegetsi. Dushobora no gushaka uburyo hajya hatora abatutsi gusa nk'uko bigenda muri Afurika y'epfo. Dushyigikiye demokarasi, ariko dutsimbaraye kuri demokarasi y'abatutsi hagati yabo bonyine. Dushobora no kwemera ishyirwaho ry'amashyamba menshi, ariko ryobowe n'abatutsi cyangwa ibyimana buri mu ruhande rwacu. Abanyaburayi bo kubashuka biroroshye, ntabwo bazi gutandukanya umuhutu n'umututsi, babona bose ari abirabura bakibwira ko nta kibazo gihari.**

**Q — Ko umubano w'u Rwanda n'u Burundi ubu utameze neza, murumva bizabyara iki? Ko abanyarwanda se bamaze kumenyera ibyintambara, kandi n'abasirikare babo bakaba bashyigikiye na rubanda rwose, aho bikaze mwabava imbere?**

**R — Ubundi se twigeze tubana neza n'ubutegetsi bw'abahutu? Kuva kera kose habaye kuryanyana gusa; icyakora byatumye dukurikiranira hafi imiterere n'imitgekere y'abo bantu, dupima n'ingufu hafite kugira ngo tuzabone uko tuzabacakira mu cyayenge. Naho kuba abanyarwanda bari mu ntambara nta shema ririmo, ahubwo barushijeho kuzahara, udutwara bari bafite dusazira ku rugamba, ubukungu bw'igihugu cyabo busigaye bugendera ku buce. Tuzategereza ko inkotanyi zibanoza, maze twe tuzze guhanagura umwanda twisanga. Ubu twamaze no kubatambamira mu bihugu byajyaga bibagoboka nka Zavire, Misiri, Afurika y'epfo, Ubufaransa, Ububiligi, Ubudage, Kanada na Ieta Zunze Ubumwe z'Amerika; ntibizere rero ko bazongera kugira icyo babigoboraho.**

## TUMENYE UKUNTU DONATI AKORA AKAZI KO KUNEKA N'ABO ANEKERA

N'UBWO IBINYAMAKURU BY'INYENZI-NKOTANYI NKA LE TRIBIN DU PEUPLE BYATANGIYE KWANDIKA BITAKA HAKIZIMANA DONATI UYOBORA IPEREREZA MU RWANDA, KANGURA YO IRAKOMEZA KUGARAGAZA KO DONATI ADAKORERA IGIHUGU, KO AHUBWO AKORERA INYUNGU Z'ABANTU KU GITI CYABO. NGAHO NIMWIHERE AMASO UKO BIMEZE HAGATI YE NA DOCTEUR UWIMANA.

COMMUNIQUE		FORMULE DE MESSAGE	
1. NOME DE L'EMETTEUR	2. NOME DE LA DESTINATION	3. NOME DE LA DESTINATION	4. NOME DE LA DESTINATION
5. NOME DE LA DESTINATION	6. NOME DE LA DESTINATION	7. NOME DE LA DESTINATION	8. NOME DE LA DESTINATION
Le Docteur Uwimana Albert Docteur en Médecine Colonel Idriss Ndayishimiye Le Président de la République Le Président de la République Le Président de la République			
Le Président de la République Le Président de la République Le Président de la République			
Le Président de la République Le Président de la République Le Président de la République			

COMMUNIQUE		FORMULE DE MESSAGE	
1. NOME DE L'EMETTEUR	2. NOME DE LA DESTINATION	3. NOME DE LA DESTINATION	4. NOME DE LA DESTINATION
5. NOME DE LA DESTINATION	6. NOME DE LA DESTINATION	7. NOME DE LA DESTINATION	8. NOME DE LA DESTINATION
Le Docteur Uwimana Albert Docteur en Médecine Colonel Idriss Ndayishimiye Le Président de la République Le Président de la République Le Président de la République			
Le Président de la République Le Président de la République Le Président de la République			
Le Président de la République Le Président de la République Le Président de la République			



# Repubulika ya mbere nayo yagombye guhatana itazuyaza n'ibinyoma by'inyenzi-nkotanyi. GATUTSI-NYENZI YATEYE YIAHURA!

par MAKUZA Anastase.

**IKINYOMA GIHABWA INTEBE  
RIMWE NTIKIYIHABWA KABIRI.**

**IMPINYUZA IBESHUZA IMPUNZI  
yatanzwe na  
NYAKUBAHWA BWANA ANAS-  
TAZI MAKUZA  
PEREZIDA WINTEKO NKURU  
Y'AMATEGEKO.**

Parisi, kuwa 3 Werurwe 1964.

**GATUTSI-NYENZI YATEYE  
YIAHURA.**

Mu rugendo yagenze kuwa tariki ya 17 Gashyantare 1964 kugeza tariki ya 23 Werurwe 1964, mu bihugu byinshi by'i Burayi n'afurika ya ruguru, Bwana Anasitazi MAKUZA, Perezida w'Inteko Nkuru y'Amategeko, yagiye anyomoza abatware b'inyenzi n'ibitso byazo ibyo babeshyeye Repubulika y'u Rwanda mu mahanga.

Amagambo yagiye avuga aho yanyuze hose, ahiniye muri iyi disikuru yavugiyeye i Parisi imbere y'abanditsi b'amakuru n'abanyacyu-bahiro bari baje kumwumva.

Batega-rugori,  
Rubanda mwese,

Muri ibi byumweru bishize, nari ibinyamateka na za radiyo z'inyuma y'u Rwanda byavuze iby'imidugararo iherutse kurubamo

Hari abagiye babivuga imvaho. Binteye kubanza kubashimira mu ruhame amatwara yabo yo kuvuga ukuri kwerekana ubupfura buranga abanditsi b'amakuru.

Hari abandi bashutswe bamamaza impuha, ari ukuvuga amakuru y'amahimbano, ari ukuvuga banimfura cyangwa se babogamiye mu gahande kamwe gusa. Mvuze ko « bashutswe » kuko uko mbibona, ubukana bagayanye uwo batunguwe agatoki n'abababeshye, bunyereka ibintu bibiri:  
*icya mbere* ni uko ababyitabiriye batari bazi ko bashukwa, bakitabira ibyo bumvise babitewe n'impuhwe bafitiye ubabaye;  
*icya kabiri* ni ingumba y'ikinyoma cy'abayobozi b'abo baburamana b'inyenzi babeshye amahanga kugeza igihe azigirira izo mpuhwe kandi yarajyaga kuzijujubya iyo aza kumenya imvaho.

Ubwu butanazi bw'ikinyoma, icyo bwabyaye namwe murakireba: ni umugayo

igice kimwe cy'Abafaransa cyagaye Repubulika y'u Rwanda n'impuhwe cyagiriye gatutsi-nyenzi. Uko gutonesha abagome no kwamagana abatagoma byenze kuntera gushidikanya mbere yo kuvuguruzwa izo mpuha, ari ugukeka ko wenda mutaza kwemera ukuri ngiye kubawira. Ariko hari ibyaje kundema umutima: ni uko nsanzwe nzi ko Abafaransa bataheranwa n'ikinyoma, nkamenya ko nta ntware yigeze kubura urubuga hano i Parisi ishaka kuvugira ahagaragara ukuri kwayo. Ni uko u Bufaransa butigeze butenguha igihugu cyose gikotanira kwishyira kizana. Ni uko ikosa rimwe rudori ryitirwe Abanyarwanda, ari uko begukanye bwa bwigenge bw'inzira-makemwa y'abakunzi ba Repubulika bwadukanywe n'ntwari z'i Bufaransa igihe bubimburiye ibihugu byose kwipakurura ubwami mu wa 1789. Ni uko nsanga nkikijwe n'ntwari zabambiye za nyenzi za Hitileri nk'uko intwari z'u Rwanda zabambiye inyenzi za Kigeli.

Uko guhuza amarere namwe, Bafaransa, mwadukanye Repubulika mu nsi, mukanesha abayihigira bose, binyemeza ko abanyumva, n'aho baba baranabeshywe kugeza ubu, bafite amatwara bahuriyeho n'Abanyarwanda, bigatuma rero bashobora kubumva vuba, ndetse bakabashyigikira mu murego bashokanye wo kuzitira ubuhake, bwa cyami, bucumbagirira ku maraso bavusha mu Rwanda no ku mpuha bamamaza mu mahanga.

Iyo sano mufitanye n'Abanyarwanda ndayibonera no kw'ishyushyu mufitiye kumva imvaho y'ibyo mwabeshywe, umuntu wese akaba yibaza ati: ubwo bunyenzi bwatangiyeye bute? Bwigaragaje bute mu minsi mikuru ya Noheli n'iy'Ubunani? Abanyarwanda barurimo bumvise iyo nduru bayihagurukira bate? Imvaho yitsemabwoko bitiriye leta y'u Rwanda ni iyihe? Umuntu yendeye ku matwara ya politiki iriho ubu yavugaga ko imigabo y'iminsi izaza ikwiye kuba iyihe? Ngabyo ibibazo abenshi mu banyamakuru bibanzeho. Ni na byo ngiye kugerageza gusubiza kandi nizeye ko muri bunyumve neza.

## I. INTANGIRIRO YUBWICANYI BWA GATUTSI-NYENZI.

Kugeza mu wa 1959, u Rwanda rwategekwe n'umuco wa gihake umuntu yagereranya n'uwigeze kuzonga u Burayi butarajujukira demokarasi. Uwo muco wari ushingiyeye ku matwara yo guharira ibigaganyare by'Abatutsi ubwikanyize mu butegetsi no mu mibereho myiza, Abahutu bagaherera ku buhake n'ubutindi, ari ibitiyo

bya gashakabuhake. Ibyo kandi byari bishingiye kuri wa muzi uzingiye ku kinyoma: ngo Gatutsi kuruta Gahutu ni umurage w'Imana udateze kuvaho.

Ku wa 24 Yuli 1959, umwami Mutara agwa i Bujumbura, umurwa mukuru w'u Burundi, apfa adasize imbuto. Ubwo rero, mu muco w'igihugu, ingoma-cyami yari izimye, kuko umwami asimburwa n'umwana we gusa. Ubwo uwo yari asize ubusa, ingoma y'iwabo yagombaga kurangirana na we. Irangira ry'iyi ngoma kandi ni ryo rangira ry'umuco wa gihake, kuko isumbwe rya Gatutsi kuri Gahutu rishingiye ku mwami usimbuye se no kuri iryo hererekanyangoma. Ubwo rero ubuhake bwari burimbukanye n'uwabwoshyaga.

Muri uwo mwaka kandi amatwara ya demokarasi yari amaze kwamamara mu Rwanda. Ingabo za gashakabuhake rero zari zifite impamvu yo kwikanga ko ubwizimbe bwabo bwari bugiye kuzisenyukana. Ni bwo bigiriye inama yo gukora icyo bwabaga ngo babigarurire mu maguru masha: umuco w'igihugu bawucamo icyaho, ingoma bayimika mwene se w'uwapfuye kandi kizira, kuko ngo bene uwo mwami yitwa ubucugane akazacurika u Rwanda. Uhagarariye Uburezi bw'Ababiligi abonye bamaze kumwimika apfa kubyemera. Ngo ushenye urwe umutiza umurindi.

Ntibabonye batsinze hatyo barohoka, icumu bariterera ku kiganza bati: mu bakuru b'ingabo za Parmehutu ntihagire uwunamuka. Abenshi muri bo bicwa urupfu rubi n'izo ngabo z'inkora-maraso zoherejwe n'ibyegeza by'iyi ngirwa-mwami wari wikubiye aho bitaga ingoro ye, rubanda rwari rutegereje Repubulika nk'umukiza rwahanuriwe rwaranze kumwemera.

Ubucamanza bw'Ababiligi bufata abashoje ubwo bwicanyi, ab'ingenzi bakatirwa kunyongwa. Amahanga na LONU bibasabira imbabazi ngo barekurwe, ngo none ahari ni byo byatera Abahutu n'Abatutsi kwigorora. Ariko ahubwo biba gukoza agati mu ntozi.

Mu wa 1961 kamarampaka irarukata. Bihariza rubanda intumwa z'abibumbye zihahagaze. Parmehutu itsindira amajwi arenga 80% y'abatoye. Ni ko gutsinda uruhenu. Impundu zivugaga urwunge mu Rwanda hose, nawe Gashakabuhake ajiginywe. Ku wa 1 Yuli indepandansi y'u Rwanda iratangwa Parmehutu ari yo iyitsindiye. Umuco wa gihake wongera gukubitwa incuro utyo, nk'uko bisanzwe icyo igize aho upfubirana na demokarasi.

Hagati aho abakuru ba gashakabuhake, babonye rubanda rubateye agati, bashyira nzira baja kwuguruza amahanga. Ni ko kubwira bene wabo, birukanywe n'umujinya wa rubanda, bati: ntimwemere aho babatuje, ahubwo mudukurikire mu mahanga. Bari bimiriye imbere kuzatabarukana umutsindo, inkota irisha, aho kumvikana mu mahoro. Nyamara ariko abenshi mu Batutsi bagikunze ubwami bihitiramo kuguma i Rwanda. Bamwe bari bafite imigabo yo kwemera Repubulika bakinjira mu nzego zayo, abandi — batari benshi — bashakaga kuba ibyitso by'insenga-murwano zigundamye ku nkiko y'ibihugu bikikije u Rwanda.

Izo mpunzi z'insenga-bwami ntaho zitakubise zigambanira u Rwanda ngo ibihugu birukikije bihuze inama yo kurutera, ngo ejo Repubulika y'u Rwanda itazakongeza yo urumuri rwayo. Ariko, kubera ko hafi y'ibyo bihugu byose byari byahisemo kwibera Repubulika na byo, byiyemeza ahubwo kwirukana abo batera-mpagarara, bikurikije Itegeko-Nshinga ry'afurika yibumbye ribuza ibihugu byose by'afurika gucumbikira abatera-mpagarara bashaka kurwanya igihugu baturanye.

Karyende iba ari yo inywana na Karinga, u Burundi bwonyine buba ari bwo bwemera kwivanga muri iyo migambi y'hembera-bwami ishyigikira gatutsi-nyenzi. icyo iyo nkingi Gashakabuhake yatewe n'u Burundi cyaje kubyara ni cyo ngiye kubatekerereza.

#### GATUTSI-NYENZI YARATEYE, INGABO Z'IGIHUGU ZIMUSANGA- NIZA IMYAMBI.

Mu ijoro ryakeye ku wa 21 desembri 1963 niho inkora-maraso za gatutsi-nyenzi zateye ziyahura. Ubwo bwari ubwa mirongo itanu batera kandi igihe cyose bagakubitwa incuru ababo benshi baguye ku rugamba. Ubugundirizi bwabo ariko bubatera kwongera kuza kwiyahura.

Izo ndwanyi z'intutsi zifubitse izina ry'impunzi zitekeye mu BURUNDI. Ni ho inteko y'inkora-maraso, bakunda kwita inyenzi, yaturutse itera inkiko y'u Rwanda rwo mu majepfo y'i burasirazuba. Bari bageze nko ku 3.000, bitwaje imbunda, imihoro, impanga, amacumu n'imyambi isize ubumara. Baje rwombo nk'igisambo, nta we ubikeka, ijoro ribaha akabanga, bisuka ku basirikari bake bacu bari i GAKO.

Uko gutera batunguranye nk'igisambo kubanza kubahira. Mwumve na mwe igitero cy'abantu 25000 k'irwana n'Ingabo z'u Rwanda zitarenze 15 kandi kibatunguye. Nyamara ariko abasirikari bacu bararwana bisingira umuseke. Baganzwa n'ubwinshi, inyenzi zigaturira inkambi yubakwaga i Gako. Abahakoraga bashirira ku icumu, abasirikari bane barafatwa, bicwa urubozo n'izo nyenzi, naho abandi bakizwa

n'amaguru, bikinga mu bihuru bategereje abaza kubatiza umurindi.

Bamaze gutsinda, aho babereye, kuva mu myaka itatu bari bamaze bigerezaho, bakomeza kogoga u Bugesera bagana i Kigali. Muri iyo nzira bafashwa n'Abatutsi b'i Bugesera barimo abari barahatujwe na Leta. Ari Abahutu ari Abatutsi, ari abagore ari abagabo, ari n'abana se. uwangaga gufata intwari ngo abongere cyangwa ajye mu nkoma-kamo zibashagaye, barimwozagamo bakitambukira. Inzira yabo ni inkongi, ni ukwica no gusahura. Itegeko ribagenga ntirigira irya kabiri: gutuma rubanda rucura imiborogo: kuko icyivugaga cy'inyenzi ari Ruzirampuhwe.

Ingabo zacu zatabaranye ingoga, ziharwana urw'umuziringano, zimaze kubakubita incuru umunsi umwe uzira uwa kabiri, zisigara zirarura intumbi zishwe urupfu rubi n'izo nyanga-Rwanda. Hari abo inyenzi zari zacye amaboko cyangwa amaguru, hari abo zari zakuyemo amaso, hari abo zari zamennye umutwe zibakubita inyundo, hari abagabo zari zashahuye n'abagore zari zamennye inda. Abacitse ku icumu nibo babivuze imvaho, ureke ba bandi baboherereza ibihuha, mukabyamamaza mutazi ko ari ibinyoma. N'ubundi ga ijoro ryabara uwariraye! Bavugaga ukuntu inyenzi zagize ababyeyi bemeye Repubulika zikabaca amabere, zikayagaburira abana babo n'abagabo babo. Bavugaga ukuntu abasirikari bacu bafashwe n'abo bagome bishwe urw'agashinyaguro n'uburyo abakobwa b'Abatutsikazi babakoreye ibiteye isoni. Nta n'uwatinyuka kubirondora atariye isoni nka bo.

Ubwo kandi abandi basirikari bari baziritswe ku mipira y'amajipi y'abo bagiranabi, uko umushoferi ayirukankana akagenda abakurura inzira yose. Bapfuye bahindutse nk'amashara.

Nyamara bamwe muri abo basirikari bamaze kubohorwa n'inkubito ya bagenzi babo batabaranye ingoga iza «ngirwamfura» z'abakobwa, zivanga ubugome n'ubutwenge, zikurikiza icyo zikurikiranye mu mitego ya kinyenzi ziza gushuka abo zahemukiye ngo biyunge bundi bushya, ndetse zikandira no ku ntumwa z'ubushinjacyaha zari zigiyeye gusuzuma ibyabaye. Nta wakwirirwa asobanura ibyo iza nshinzi zagacezaga kubashukisha; nyir'ukumva yamenye amarenga y'ayo magambo...

Igitangaza umunyarwanda utarugambaniye, ni uko amaradiyo n'ibinyamateka, bidahosha kuvuga agahinda bitewe na rubanda rwitabaye, bitagize icyo bitwaga ku bugome bw'abo bagira nabi, nk'aho umwotsi ucumba ku nzu yahaye uba urushije ubugiranabi umuriro wayitwitse, cyangwa se nk'aho kwivugana uguteye ari byo bibi kurusha gutera utakwakuye. Uko gucurika amahame n'abantu bose, ukibasira kuzimya umwotsi wongera inkongi mu nzu ishya ngo aha

urashaka kuyizimya byatera Umunyarwanda kwibaza niba ubwenge bw'abazungu buteye kimwe n'ubw'abirabura. Kuko, mu bwenge bwa kinyarwanda, ingirwa-bahanga z'abazungu zigeze kuvuga ko bucuritse, ushaka kuzimya inzu ishya, azimya umuriro uyitwika aho kurwanira kuzimya umwotsi uyicumburukamo. Iyo nzu mvuga ni ya midugararo iherutse kuba mu Rwanda. Umwotsi mwibasiye kuzimya ni umujinya rubanda rwahagurukanye rubonye rutewe. Umuriro ni bya bitero by'inyenzi byateye rubanda uwo mujinya mukaba ariko ari rwo mwibasira aho kwibasira nyirabayazana. Cyo re, nk'uko nabivugaga ko ibyari hasi byagiye hejuru, niba mu bwenge bwa kinyarwanda, umenya icyabaye urebye icyagitwe, niba umuntu wese afite uburenganzira bwo kwirengera ifite yasagariwe, umuntu yavugaga ate ko ari ko bimeze mu buhanga bwa kizungu, kandi abanyamakuru bamwe bamaze gucurika ibyo Imana yacuruye? None se hari ugucurika ubwenge kwaruta guhishira cyangwa gushima ubugome bw'inyenzi bwagasariye Abaturarwanda, ukarengaho, ahubwo ukibasira gusebya abo baturage baziyamye zibateye? Niba ari ubugira nabi mwanga, ntimwambwira impamvu yabateye guhishira inyenzi zashoje intambara, mugatangira gusakuzira aho abaturage babereye nka ya ngwe itari izi gufata ku gakanu iyo itabwirizwa?

Ng'icyo na nje ikibazo mbajije abifashe ku gahanga abanditsi b'amakuru bakadutuka. Ahasigaye reka twikomereze ibyo nabatekerereza.

Ni uko, icyo gihe inyenzi zicaga, zisa n'izihiga uwitwa umuntu mu karere zigariye, abapadiri ba paruwasi ya Nyamata — zahigiraga ko ari abera, umva ko ngo ari zo zitaziza umuntu ubwoko bwe — bahereye ko bahungira i Kigali. Ubwo ariko abo bavuzana-nduru babaryaga isataburenge, kuko bari barangamiye kwigarurira umurwa w'u Rwanda. Ku iteme rya KANZENZE, ku ruzi rwa NYABARONGO, muri km 25 uvuye i Kigali, niho abari bateye batangiriwe n'Ingabo z'igihugu.

Izo nyenzi bazisutse amasasu bazishora inkungugu, bugoroba bazigeje hakurya y'u Rwanda, abenshi muri zo bagwa kuri urwo rugamba rw'i Bugesera.

Inyenzi zakomeje gukandira icyarimwe mu mpande nyinshi z'igihugu ziganjemo Abatutsi. Mu mitego yazo zari zateganiye guterera icyarimwe inkiko zose, kugira ngo mu misozi yose y'u Rwanda abaturage basubiranemo, abategetsi bateterwe, abasirikari babure aho batabara n'aho bareka, maze izo nkozi z'ibibi zikubitireho gushumuriza amahanga abo zimaze gusagarira.

Mu Mutara, ahatandukanya u Rwanda n'u Buganda, inyenzi zigeze nko kuri 600,

zimaze kwihisha Leta ya Uganda, zitera ahagana i Rubirizi-Rwempasha. Zifata amajipi abiri y'Ingabo z'igihugu, abari bayarimo ariko baracika. Ntibyatinda, abasirikari bacu baratabara, bazinyukanyuka mu kanya kangana urwara. Inyinshi zigwa kuri urwo rugamba. Mu basirikari bacu hakomereka umwe. Yaje gupfa hanyuma azize ibikomere yakomerekejwe n'urufaya rw'amasasu zamurashe zimwukiye.

Mu Bugesera, ahatandukanya u Rwanda n'u Burundi, zongera gutera mu matariki ya 18, 21, 22 na 25 y'ukwa mbere, ziharanira kurimbura abaturage, ziturutse i Burundi.

Mu Bugarama, amajyepfo y'i burasirazuba bw'u Rwanda n'u Burundi, inyenzi zishyigikiwe na Leta y'i Burundi, zabuteye kabiri mu ntangiriro z'ukwa kabiri. Uwakoraga kuri gasutamo n'abarinzi b'imipaka babiri barahafatirwa, bicwa urw'agashinyaguro, naho mugenzi wabo, umututsi wahoze ari igisonga, hanyuma akajya mu byitso by'inyenzi Leta y'u Rwanda itabizi, yiyambukira umupaka aya mu Burundi hamwe na bene wabo basutsweyo n'Ingabo z'igihugu. Yari amaze ariko kubaha inzira yo kurugeramo, kwica, gusahura no gusenyerera rubanda.

Muri icyo gihe izindi nyenzi zitagira ingano — ari zo bajya bita «imbabare z'impunzi z'Abatutsi» — zacaga i Kibungo ku mupaka w'u Burundi ahataganye na Perefegitura zacu za Butare, Gikongoro na Gitarama. Uko guca i Kibungo kwari amayeri yo guhuzenza no gutatanyabasirikare bacu, ngo bajye kuba ari ho bazitegera kandi zishaka gutera ahandi. Zisanga ariko Ingabo z'igihugu ziri maso kandi uwo mutego zarawutahuye kera.

Ng'uko uko icyo migabo y'inyenzi yo gukuba u Rwanda impande zose yakandagiye n'ingufu z'abasirikari bacu, iza mbasha-rugamba zibyariwe n'umurindi w'umwaga-buhake mu Banyarwanda.

### III. AKAGAMBANE K'IBYITSO N'UMUJINYA WA RUBANDA.

Reka noneho turebe ukuntu icyo tera ry'inyenzi ryari rigeretse ku bundi bugambanyi.

Umuntu yakwibanda ku bintu bine by'ingenzi:

- Icyamba mbere ni akagambane k'abakozi b'Abatutsi bahawe akazi muri Leta ari ukugira ngo yereke Abatutsi ko nabo itabanga. Ubwo bugambanyi bwagaragajwe nibimenyetso bya kamarampaka. Uretse ko iza nyanga-Rwanda zateranyije amafaranga yo kugurira inyenzi intwari, zari zifite n'undi muco w'uburyarya, wo kwitwaza ubwiringire abakuru babafitiye, bagakwiza ubugambo bw'insenga-murwano muri rubanda kugira ngo bategurire Leta ya Gatutsi-Nyenzi, yagombaga gushingwa ku wa 1 wa Yanwari

1964. Bamwe muri abo bagambanyi ndetse bari baremerewe kuba ba Minisitiri b'ibyamba Leta-Nyenzi.

- Icyamba kabiri ni ukuntu itera ry'inyenzi ryibanze aho zashoboraga gusanga ibyitso by'Abatutsi ba gashakabuhake. Kandi rero koko ba rwica-ruhoze abo bababereye ibyitso.

- Icyamba gatatu cyabaye ni umwaku, ni uko inkuru yamaze gusakara mu gihugu yuko inyenzi zateye mu Bugesera, Abatutsi bamwe bakiri ba gashakabuhake barota ko basubiye ku ngoma, basinda umunezero, maze bakwiza inkuru ngo umurwa w'igihugu wafashwe n'inyenzi nabo ubwabo batangira gukangata, gukora rubanda ku itama no kubabwira ko Umwami aje kubamarira ku icumu. Nyamara ukuntu ba nyakwihemukira bari bamaze iminsi babanye neza n'Abahutu!

- Icyamba kane abanditsi b'amakuru birengagije ni uko inyenzi zafashijwe n'indiririzi z'abanyamahanga, ba gateranya-miryango babuhiriye namwe mutayobewe. Ba gica abo bahera ko basakaza impuha mu Rwanda no mu mahanga iwabo ngo mu Rwanda abaturage bakuke umutima naho mu mahanga abanditse b'amakuru ayo mahomvu bayasamire hejuru. Ikibabaje ni uko abanyamakuru bamwe bafatiye muri uwo mutego, bakamamaza ibyo binyoma, bakabafasha batabizi ibyo bakora.

Mu Rwanda icyo bene impuha bari bizeye si cyo zabyaye. Aho kugira ngo rubanda rukangarane, ruhindagare, rugonde akajosi inyenzi igateme nk'uko yabitekerezaga, Abahutu bumvise ubwo bugome bwabereye mu Bugesera, bahona ko bagiyeye gushyirira ikuzimu. Bibuka ingoyi ya Gashakabuhake, barora inkovu zibiboko n'ingoyi by'ingoma ntutsi, bibuka akazi n'ishiku, n'agasuzuguro, na «Nguriza umuhutu mwice sha», niko kuzinga umunya bati: nitwaba ingaruzwamuheto.

Uwo mujinyamba kandi icyakomezaga kuwukabura, ni uko uwabwoze ari umucakara yari amaze imyaka isingira ine asogongeye ku buki bwa demokarasi, none uwo mugisha akaba agiye kuwunyagwa nabo yemeye kwiyegereza, abitegetswe n'abamurwaniye ishyamba, none na bo bakaba bagiyeye gushyirira ku icumu.

Batega-rugori bi Bufaransa, Bafaransa mwese munyuma.

Nimwibuke intambata ya ba sogokuruza banyu yo mu ka cyenda mu wa 1792 ingabo za Repubulika y'u Bufaransa zishyamba, zanywe n'iza cyami zari ziteye ziturutse ishyamba aho zari zarahungiyeye demokarasi.

Nimwibuke uko mwarwanyije ingabo za Hitileri n'abagambanyi bazo, maze mumenyereho ubukana bw'uburakari Abanyarwanda bagiriye abafasha inyenzi z'inyanga-mubano. Inzira z'abantu zikunda gusa, bamwe basa n'abasubira mu zo abandi

banyuzemo, kandi hose bateye kimwe, aho unyuzemo none hasa n'ah'ejo. Ibyo ba sogokuruza banyu bakoze mu wa 1789 ni byo Abanyarwanda bakoze mu wa 1959. Ibyo intwari z'iwanyu zakoze zirwanya ibitero by'impunzi z'Abafaransa mu wa 1792 n'ibya Hitileri by'ejo bundi ni byo intwari z'i Rwanda zihurutse gukora zizitira ibitero bya Kigeli iwacu twita Kigegeza. Niba rero mutugaya ko twirengeye, nimubanze mugayeye, mugayeye n'abababaye. Mwavugije impuruzi yo gutsemba ubuhake bwa cyami, maze tuyitabye muradutuka?

Nyamara ariko, niba mu midugararo yo mu myijima y'ukwa cumi n'abiri 1963 no mu mboneko z'ukwa mbere 1964, amahoro yarakomeje kubaho mu gice kinini cy'u Rwanda, Abatutsi ntibapfira gushira, n'ubwo byari biruhije bwose, ayo mahoro bayakesha ubutwari bw'abategetsi; bayakesha abarwanashyamba, abajyanama, ba burugumesitiri na ba perefe batari bagisinzira biruka imisozi ngo bapfanyeye. Bayakesha ba minisitiri bigabanyije za perefegitura uko ari icumi babwiriza rubanda gutuza. Bayakesha abapolisi b'igihugu bafashe abagambanyi n'abatera impagarara bakabashyikiriza cyangwa bakazabashyikiriza abacamanza ngo bahabwe igihano gikwiye abagambanyi.

Sinahakana ko hari perefegitura imwe muri iza cumi, ibyitso by'inyenzi byakabijemo gusesera muri rubanda no kurusembura, byamamaza imiburo, maze abaturage babonye ibyo iza n'ntasi zibakorera bikabarakaza, umujinyamba wabo ukabatera gukabya bitabara mu maguru mashya. Ni bwo ibyo byitso n'abatasi b'inyenzi bateye bisamiye hejuru n'abansi ba Repubulika, babivuga warabyibonyeye ukabona ko basa n'abaca umugani. Ariko ubu umuntu wese amaze kumenya aho nyirabayazana aherereye, iza nshoza-murwano ntizari ziyobewe ibya rubanda rwirengera ruzakora. Inyenzi zabigize zibizi. Umutego mutindi wica nyirawo.

Ikubabaza ariko ni ukubona abavandimwe bacu b'Abatutsi bari bemeye Repubulika ariko bagafasha inyenzi ngo batagwa mu nkomati, maze bikabatera kwiterereza uburakari bw'abaturage. N'ubundi ngo abagabo bararya imbwa zikishyura!

### IV. UMUTEGO W'ABACURA-BI-NYOMA.

Abahanga mu byo gutera impagarara, bayobora iza nyenzi, bahabonyeye uburyo butagira uko busa bwo gukoresha ya mayeri yabo y'uburumira-habiri, amwe Hitileri yigeze kuvuga agira ati: umuntu nka nje aba nyamujya icyo bijya, akabeshya yumumirije, akivuguruza karindwi mu muni ngo abone urubanza, abanzi be akabashinja icyo yikoreye ubwe cyangwa se ashaka gukora, maze akabatanga kuvuza induru avugisha ibinyamateka na za radiyo.

Abacura-binyoma ni bo bahimbye izo mpuha zitagira ihuriro n'ibyabaye, maze abavuga amakuru bakabyamamaza bazi cyangwa se batanazi umutego ubirimo. Ibyo ari byo byose ntibari babonye umwanya wo kubisuzuma ubwabo.

Inyinshi mu mpuha zitakigira n'akiyubaho k'amazigira-soni, zituruka i Bujumbura, mu murwa w'u Burundi, wigaruriwe n'abatware b'inyenzi kandi uzira urunuka Repubulika y'u Rwanda nk'uko hose bizwi. Ni ho abatware b'inyenzi bicaye, babandi banganya uburyarya n'ubuhanga bwo kwihoma abandi. Ni ho bagize inteko, ni ho babonye ibibafasha kwamamaza mu isi yose impuha n'ibinyoma bivanze no kwirarira. Cyo re, nimumbwire, umuntu yashaka kumenya ko umugore agira umutima maze akajya kubibaririza kwa mukeba we?

Ngiyo imwe mu masoko abanyamakuru havomyemo, bajya kwamamaza ibyo bise «urupfu rw'Abatutsi batanzwe n'abategetsi b'u Rwanda cyangwa bakaba batakoma-komye». Abo banyamakuru ntibavuze ukuntu gatutsi-nyenzi yateye n'abo yishe urw'agashinyaguro. Ariko bagera ku muturarwanda bagashya batanzitse. Impamvu ni iyihe? Iragaragara: ni uko kugeza ubu bumwise urw'umwe, mukeba wa Kanyarwanda ari we Nyakarundi inyenzi zakeje akaba ari we ubahora mu nsina y'ugutwi.

## V. IBYO BITA MURIMBURA INYOKO-NTUTSI.

Ng'icyo icyatumye bimwe mu binyamakuru byo mu mahanga bitihanga akabanga igihe bivugaga «ibihumbi by'Abatutsi bagwa mu Rwanda buri muni» n'amatwara ya Leta ya Kayibanda yo «gutsemba inyoko-ntutsi». Kugira ngo, turebe aho ukuri guherereye, reka dusengurire hamwe ibyo abo banyamakuru bavuze batagize n'intanga-mugabo bagerekaho.

Hari ibinyamateka n'amaradiyo yishakira amakuru y'inshamugongo byavuze ko mu mahanga hari impunzi z'Abatutsi 150.000 n'uko kuva aho imidugararo yatangiye hagenda hapfa Abatutsi 8.000 buri muni. Iyo nkuru kandi yavuzwe ukwezi kwa mbere kujya gushira. Umuntu abishyize mu mibare agasanga rero hamaze gupfa Abatutsi 320.000.

Nyamara mbere ya novembri 1959, Abatutsi bose hamwe bari nka 350.000. Uwakuramo 150.000 byimukiye mu mahanga hasigara 200.000. Niba rero ukwezi kwa mbere 1964 kwarashize twishe Abatutsi 320.000 ni ukuvuga ko kuva muri desembri 1963 kugeza muri Yanyari 1964 twaremeye Abatutsi 120.000 bo kwica... Dusigaye ga turusha Imana gukora ibitangaza!

Ibindi binyamakuru biyakura i Bujumbura, iyo soko itavomwamo ibirohwa da, havuzwe imibare yivuguruzwa ubwayo: bivugaga ko hapfuye «Abatutsi 60.000;

18.000; 16.000; 10.000 bari bemeye Repubulika». Naho umuvugizi wa Leta-Ndundi, urusha abandi kureba no kujijukirwa n'ubumenyi bw'isi, avugaga ko hari intumbi z'Abatutsi 8.000, Abahutu bajugunye muri Nyabarongo, intumbi zabo bazireba mu ruzi rwa Rusizi. Nyamara hagati ya Nyabarongo iyo na Rusizi hari imisozi miremire igiye urunana bita impinga ya Kongo-Nili. Maze se izo ntumbi zageze zite muri Rusizi? Zabanje se guterera impinga Nyabarongo iturukamo? Ahari aho ga Perezida Kayibanda yategetse amazi y'isoko ya Nili guteshwa inzira igana inyanja ya Mediterane kugira ngo abanze ageze intumbi z'Abatutsi mu ruzi rwa Kongo na rwo ruzazishyikirize inyanja ya Atlantika! icyo se si igitangaza cy'uburumira-habiri?

Nyamara ariko icyo gihe intumwa z'ubushinje-cyaha bw'i Bujumbura, ... yapfa gukora ko zo zavugaga imvaho, zemezaga ko zoherejwe na Leta-Ndundi gukora anketi neza, zikabona intumbi 7 gusa: Umuntu se yakwemera ibihe? ari ibivugwa na Radiyo y'inkwiza-rubwa ari n'ibivugwa n'Ubucamanza bw'i Burundi?

Ubw' imidugararo imaze gushira, rubanda bakaba bamaze gutuza, umuntu yashobora kugera ku mibare icishiriza ukuri. Hari abantu benshi bari baciriwe urupfu none baraboneka ku mugaragararo. Urugero nabaha ni ba Bwana Rugira na Gitera, Radiyo y'i Burundi yari yaketse ivuga ko babonye intumbi zabo muri Rusizi. Nyamara icyo gihe Gitera nta n'icyamuhungabanyaga, yari yibereye mu matafari ya ... Rugira twari kumwe mu Nteko Nkuru y'Amategekwa tujya impaka. Hahise akanya mbona aje kwibika ambwira ko yapfuye Leta y'i Burundi igatora intumbi ye muri Rusizi. Ingero ni nyinshi zimeze nk'izo. Nakomeza kuzirondora bwakwira bugacya.

Aho amahoro agarukiye, Inyenzi zimaze gutsindwa ruhenu, hashoboye kubarura abapfuye bagera ku mubare wenda kugera kuri 870. Mu mibare ihinnye umuntu yavugaga ko hapfuye abantu igihumbi. Ahari aho uwo mubare nturi bwemerwe, kuko atari inkuru y'insha-mugongo. None se ko ibinyoma bikwekwetuye ari byo bisigaye byarahwe intebe!

Ibyo ari byo byose, n'abo dusanga ari benshi cyane, iyo twibutse ko abo bantu bari bafite uburenganzira bwo kwiberaho, kandi rero baba bakiriho iyo abatware b'inyenzi badashyigikirwa na Leta-Ndundi ngo bakomeze guhanga bene wabo ngo babone ibyo baregesha Repubulika y'u Rwanda. Erega n'ubundi ngo umukunzi w'impyisi niwe irya mbere!

## VI. IBYO BISE AMARERE YO GUTSEMBA INYOKO-NTUTSI.

Naho ibyo bise amatwara yo «gutsemba inyoko-ntutsi», nta n'uwakwirirwa abikurikirana mu mvugo y'abanyamamaza

kuko bose bihaye kubivuga nta n'intanga-mugabo bageretseho. Umuntu yabaha igisubizo kibakwiye atiriwe azimbura.

Icyabibemeza ko ari impuha ni uko mwaba mwaribonye ubwanyu umwete abategetsi ba Repubulika bakoranye kugira ngo barengere amahoro yari amaze gukangwa n'itera ry'inyenzi zihuruka. Ni uko mwajya kwirebera ubwanyu icyo uwo mwete wabyaye: Mwasanga amahoro aganje impande zose. Mwasanga abari bahungiyeye muri za paruwasi baragaruwe iwabo bakaba babanye neza n'abo bahoze baturanye na mbere. Mwakwibariza ingano y'imfashanyo zitabarika zatanzwe na Leta y'u Rwanda n'amahanga ngo zitabare izo mbabare z'Abahutu n'Abatutsi. Mwakwiberera ukuntu abaturage b'amoko yose babanye, ari mu mugi ari no mu byaro, ari muri Leta ari no mu mibanire y'abaturage ubwabo. Ariko yenda bene ibyo bintu by'imvaho ntibyamara bamwe agahinda kuko bitarimo umwiyamamazo uhagije n'inkuru y'inshamugongo.

Kugira ngo mbamare agahinda, noneho reka twigane imvugo ihanze, turebe ibyo Leta ya Repubulika yakoresheje kugira ngo igere ku cyo bise politiki y'inzira-bwoko kandi y'insemba-batutsi». Byaba byiza ariko tubanje kugereranya ubutegetsi bwa gitutsi-gihake bwa kera n'ubwa demokarasi ya Repubulika bw'ubu mu byerekeye isumbanya ry'amoko ngo turebe inzira bwoko z'ukuri aho zihereye.

## Politike y'insembanya-moko mu butegetsi bwa gashakabuhake.

«Mu bihugu bitegekwa cyami cya gashakabuhake by'u Rwanda n'u Burundi, imibanire y'abantu mu bya politiki yari ishingiye ku cyemezo cy'ubusumbane budasubirwaho bw'abantu. Abategekwa bagafata abategekwa nk'abana, abategekwa nabo bakumvira nk'ibitambambuga. Abategekwa banenaga abategekwa, bavugaga ko babarusha ubwoko kuko babaga ari abo mu muryango w'Abatutsi... Twabonye ko u Rwanda rugizwe n'amoko atatu (Abahutu, Abatutsi n'Abatwa). Hari ubusumbane burebure mu ruhare buri bwoko bwari bufite ku butegetsi. Ubwo busumbane bwari bushingiyeye ku mvugo yemeza ubusumbane bw'ubushobozi abantu bavukana... Niba Naka w'Umuhutu ari umunyabwenge akaba n'intwari kimwe n'Umututsi, ntibyambuzaga kuguma uko yavutse. Icyo barebaga si ukugira ubushobozi n'ubutwari bw'umuryango usumbaye indi, ahubwo kuwuvukiramo ni byo byari bifite agaciro. Ibyo byabaga bihagije kugira ngo umuntu abone uruhare rusumbaye urw'abandi kandi agire uburenganzira butagira ihuriro n'ubw'abavutse ahandi».

Ubwo bukomajuru bw'ubwoko-tutsi bwibwirako buruta ubundi bwose kuko Imana yabahaye kamere ihatse izindi.

tubusanga mu mico ya gihake yose. Umugabo natanga ni aya mabango nkuye mu gisigo Singayimbaga yahimbye mu wa 1870.<sup>1</sup>

«Ubwami bugira ubwoko, bwoko bw'Imana!»

Rurema varagutove iguteramo imizi y'ubutegetsi!

Ibyihutire bitaremanywe ubwo burenganzira bw'amavuko

Iyo Ntore yahiriwe yabimariye ku icumu

Kalinga itamiriza amashahu yabyo...

Imigisha y'ubwami izingiye ku nzu yawe, wowe Muhire!

Amahanga yose yahogoye n'ubupfakazi yavateve.

Yayatembeye abami, ingabe ze zitamiriza amashahu yabo!

Agahinda k'ingabo zabo se si yo mahirwe y'ingabo ze?»

Igihe Abahutu n'Abatutsi baburaniye i Nyanza mu rubanza rwamamaye rwo mu wa 1959, abagaragu bakuru b'ubwami bavugiraga bene wabo, hari itangazo rikomeye boherereje Inama Nkuru y'Igihugu, yari intutsi kimwe na bo. Bamaze kuvuga ko uburenganzira bw'Abatutsi bwo kwiharira ubutegetsi bushingiye kuko ari ibikomajuru na bo Abahutu bakaba ibikomataka by'ingaruzwamuheto, barakomeza hati:

«Ubwu ari uko byari bimeze kugeza ubu, umuntu yakwibaza aho Abahutu bashingiye baka umunani mu bya Kanyarwanda.

Abagabana iminani ni abafitanye isano. Kandi rero isano yacu, twebwe Abatutsi n'Abahutu, ishingiyeye ku buhake, kuva kera kugeza ubu. Nta buvandimwe na busa rero dutanywe n'Abahutu...

Ubwu abami bacu bigaruriye ibihugu by'Abahutu, bamaze kwica abahinza babo, bagahaka Abahutu, ubungubu aho Bahutu bashobora bate kwiyita abavandimwe bacu».

Umuntu w'ishyamba ryitwa Lunari, wari uteraniwemo n'ingufu zose za gashakabuhake kandi ukiyita uw'Abashyirahamwe b'u Rwanda ngo ukunde wemerwe, wabaye ugishingwa wandika mu Itegeko-Nshinga ryawo aya mahame yabo y'insumbanyamoko ngo:

«N'ubwo u Rwanda rugizwe n'abantu bafite agaciro gasumbanywe cyane bwose kandi bikaba bidakwiye guha agaciro kamwe umutindi w'igicucu (umuhutu) n'imfura ijijutse (umututsi); n'ubwo itora rya rubanda rose rizatuma injiji nyinshi (abahutu) zijya hejuru y'abanyabwenge bake (abatutsi), kwima Abahutu n'Abatwa uburenganzira bumwe (mu magambo) ariko

1. Iki kinyarwanda ni igihindurano cy'icyo gisigo cyatangajwe mu gifaransa.

2. Iryo tangazo turifite mu gifaransa. Aya magambo rero ni amahindurano y'igifaransa mu kinyarwanda.

wihutire gupfukirana ubucucu n'ubugambanyi bw'ivo nyoko (abahutu) itarusha inyamaswa ubwenge.»

Dore mu magambo make icyo iryo hame ry'insumbanyamoko ryari ryarabyaye mu Rwanda:

— Abatutsi ba gashakabuhake bari barishe iyo mbaga y'Abahutu urupfu n'agashinyaguro.

— Abahutu ntibagiraga ubahagararira mu nama z'ubutegetsi zashyizweho n'ubutegetsi bw'Ababiligi.

— Abahutu ntibagiraga ubahagararira mu nzego zose z'ubutegetsi bw'igihugu.

— Abana b'isuka, bene Gahutu, ntibagiraga uburenganzira bwerekeye ibya politiki, kuko ngo batashoboraga gutegeka kuko baremewe guhakwa.

— Abahutu bazizwe n'ubuhake ntibagiraga uruhare na busa ku bucamanza, kuko ngo nta bwenge bwo guca imanza bagira.

— Abana b'Abatutsi bari bihariye amashuri yisumbuye n'amakuru, umuhutu agasora ariko umwana we agaherwe mu mashuri. Imfura ntutsi nizo zari zihariye amashuri n'ibikingi kandi Gahutu ari we wakonze ishyamba.

Abatutsi se ko bari bamaze kwikubira ubutegetsi n'amasoko yose y'ubukire bw'igihugu. Umuhutu w'umukama-suka we yari asigaye ku ki? icyo yari asigaye na we yihariye ni bwa buhanya bwavuzwe na Villon na Grégoire ngo «Abatindi umunani wabo ni imvune n'ubwinazi».

Ngicyo icyo ibyo bigaganyare byakoze. Ubu biribuka ijuru byahanuweho, umujinya wabiterura bikaturega icyaha byakoze: politiki y'insumbanyamoko. Reka turebe niba ikirego cyabo gifite ishingiro.

### Ubutegetsi buriho ubu bwanga uburyamirane mu moko.

Ushaka kumenya politiki y'igihugu, agomba kwitegereza ingingo z'ingenzi zizingiye mu Itegeko-Nshinga ryacyo. Tumaze kubona ko ubwiru bwa Leta ntutsi yari ishingiyeye ku muco wa gihake bwemezaga ko Gatutsi yaremewe kuruta Gahutu; ariko iyo uroye Itegeko-Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, ryaturutse ku ntambara abayobozi babonera abaturage barwanye bakotanyira kwishyira ukizana, ubudasumbana n'ubuvandimwe bw'Abanyarwanda bose, usanga ryibanda cyane cyane ku ingingo ziteye nk'izi:

«Umuntu ni inzira-karengane ku giti cye. Arengerwa na Leta.

Umuntu wese afite ububasha bwo kugaragaza imimerere ye n'ibitekerezo bye, apfa gusa kutagira uwo arenganya, cyangwa se ngo ahungabanyeye umudendezo wa rubanda no kudaca ku byo amategeko Abaturage bose bafite uburenganzira bwo kureshya imbere y'itegeko bidashingiye ku nkomoko, ku bwoko, ku ibara ry'umuntu, ku

gitsina cyangwa idini.

Ubwizimbe bushingiye ku moko buraciwe, kandi ntibushobora gusubizwaho.

Nta n'ubundi busaba, ubwo ari bwo bwose, bushobora gushyirwaho. Umuco wose wa kija uraciwe, ntushobora no gusubizwaho. Umuntu wese afite uburenganzira bwo kubaho, bwo kwishyira akizana, bwo kudahohoterwa».

Ntibabura ugira ati: imvugo si yo ngiro, kuko ibyanditse mu Itegeko-Nshinga bitabuza Leta ya Kayibanda kugira ubwoko yanga no gushaka gutsemba igitsina-tutsi. Reka turebe ishingiro ry'icyo kirego.

Ushaka inka aryama nka zo...

Utsemba abantu abatsemba ate?

Kugarura mu gihugu cye impunzi z'Abatutsi 178.000 nyuma y'imidugararo yabanjirije ubwigenge n'abandi 9.600 bari bahunze itera ry'inzenzi rihuruka, ni ko gutsemba Abatutsi Leta ya Kayibanda iregwa?

Utsemba abantu abatsemba ate?

Kurengera impunzi ukaziha ibizitunga by'amoko yose ugereranyije ububabara bwazo n'ubukungu Leta ifite nk'uko byagenze mu gihe gishize ni ko gutsemba impunzi z'Abatutsi abategetsi ba Repubulika y'u Rwanda baregwa?

Utsemba abantu abatsemba ate?

Gutegeka rubanda rw'Abahutu rwo mu misozi kubakira Abatutsi hutihuti basenyewe na bene wabo b'inzenzi n'ibitso byazo ni ko gutsemba Abatutsi Abahutu bavugwa?

Ushaka inka aryama nka zo...

Utsemba abantu abatsemba ate?

Gukuraho uburyamirane bw'abaturage bwari bwarashyizweho n'ubutegetsi bwa karande ku gihe cy'ubuhake ni ko gutsemba Abatutsi turegwa? Na none umwana wihariye imbehe iyo bamubwiye gusangira n'abandi abona ko bamwishye.

Utsemba abantu abatsemba ate?

Kudendeza amahoro abantu bakishyira bakizana, gutuma abantu bose babona uruhare rubakwiye, kubahiriza ubuvandimwe bw'abaturage bose utibanze ku kantu aka n'aka, bikamara umwaka n'igice kuva aho ubwigenge bugerereye mu gihugu; gukomeza ayo matwara igihe cyose Leta-Ndundi itashyigikiye inyenzi ngo izitere inkunga yo kwiyahura zibeshya ngo ziratera, ni ko gutsemba Abatutsi Leta ya Kayibanda iregwa?

Ushaka inka aryama nka zo...

Utsemba abantu abatsemba ate?

Gutora ba burugumesitiri mu Batutsi, gushyiraho abakozi bakuru n'abato ba Leta,

b'Abatutsi, gusanga mu biro bya Leta abakozi b'Abatutsi bageze kuri 40% by'abakozi bose b'igihugu kandi Abatutsi bose baturage bose ni ko gutsemba Abatutsi? Ubwo tugawa kuba twarahaye akazi Abatutsi bangana batyo kandi twarabatsinze. ahari aho iyo tubirukana ububasubiza aho bari baradushyize niho twajyaga gushimirwa ko tudashaka kubatsemba.

*Ushaka inka aryama nka zo...*

Utsemba abantu abatsemba ate?

Uwanga Abatutsi abanga ate?

Kureba ubuyobozi bw'Ubushinja-cyaha ukabushinga Porokireri w'Ikirenga w'Umututsi ngo aje ashikiriza umugome wese abacamanza b'u Rwanda bagwiriyemo Abatutsi, ni ko gutsemba Abatutsi Leta ya Kayibanda iregwa? Leta y'u Rwanda yibasiye inyoko-ntutsi, iteranya amoko ngo Abatutsi bashire maze ireranga ireba Umucamanza w'Ikirenga w'Umututsi iba ari we ishingira kuyobora abagenewe guhanisha abaciye kuri iri tegeko ryashyirirweho kurwanya abateranya amoko ngo:

« Umuntu wese uzagaragaraho ko yanze undi amuhora ubwoko cyangwa inzu akomokamo, cyangwa se uzagira icyo akora gishobora gutera bene ize n'izangano z'amoko azahanishwa gufungwa iminsi iva ku kwezi ikagera ku mwaka n'ihazabu itaranga amafaranga 3.000 cyangwa se kimwe muri ibyo bihano? »

*Ushaka inka aryama nka zo...*

Utsemba abantu abatsemba ate?

Leta ya Repubulika yatoye Abatutsi ishyira mu bapoliisi, itora abandi ishyira mu basirikari, umwe muri bo amaze kugororerwa kuba kapiteni ukurikira komanda w'ingabo n'igihugu kubera ubutwari yerekanye ahinda ibitero bya gatutsi-nyenzi. Ubwo se Leta ya Repubulika ni ko yashatse kumara Abatutsi ibicisha bene wabo bari mu bapoliisi n'abasirikari?

*Ushaka inka aryama nka zo...*

Leta ya KAYIBANDA yashatse ite gutsemba inyoko-ntutsi kandi ikarenga yajya kuyihera urubiruko amashuri ikarukurira inyuma?

Mu mashuri yisumbuye hari Abatutsi 30% n'Abahutu 70%; mu mashuri makuru hari Abatutsi 70% n'Abahutu 30%; nyamara mu baturage bose Abatutsi ni 14% ku Bahutu 85%. Umva ako karengane?

Yenda hari uwagira ati: ubwinshi bw'Abatutsi mu mashuri makuru babuhawe n'uko atari Leta y'u Rwanda itegeka ayo mashuri. Namubwira ko hafi ya bose muri abo banyeshuri, bishyurirwa n'amafaranga ya Repubulika cyangwa ayo Repubulika ihabwa n'intererano ihabwa n'ibihugu biyikunda.

Nabasubiza ko Universiti y'u Rwanda yatangiye i Butare (ahahoze hitwa Astrida) mu kwa cumi k'umwaka ushize yatangiranye

abanyeshuri 51, barimo Abahutu 25 n'Abatutsi 26. Ng'uko uko Repubulika y'u Rwanda isumbanya amoko.

Ingero zimeze nk'izo ntizigira umubare. Ariko ubwo bupfura bwa kibyezi bubabarira aho guhora Leta n'abaturage b'u Rwanda bagira ntibabushimwa. Ahubwo abagiriwe icyo neza ni bo babitura kubabeshyera, kubateza urubwa no kubagambanira.

Nyir'amatwi yo kumva arumve: urengera inyenzi ntazibagirwe ko inyiturano azitezeho ari bene icyo. Inkoni ikubise mukeba uyirenza urugo.

## VII. REKA DUSOZE TUREBA UKO UMUNTU YATEGANYIRIZA IMINSI IZAZA.

Umaze kumva ibi na we yareba icyo akwiye kubikuramo. Dore jye uko mbibona:

Mu minsi yashize, mu Rwanda habaye imidugararo ibabaje kandi ikomeye, itewe n'ibitero by'inyenzi-ntutsi. Abihaye kubivuga no kubisobanura babivuze uko bitari, bakabyoshywamo n'inyota bafitiye amakuru atangaje; maze ba bahanga mu itera ry'impagarara bakaboneraho kugira ngo bakurikize ya nzira y'uburumira-habiri, bagashuka amahanga atazi imvaho kugira ngo bayakamishe, bakaba intumwa z'inkwiza-binyoma kandi no kuba barariye isoni bikabaha uburenganzira bwo kuvuga icyo babonye cyose cyatuma bemerwa n'ababumva.

Ubu ngubu imidugararo yarahosheje. Tubikesha umwete n'ingoga abategetsi ba Repubulika babishyizemo. Ariko abagome nyabo, ba nyirabayazana, abatware b'izo nyenzi bashyigikiye na Leta y'i Burundi, barakomeza kwamamaza mu mahanga ko Abatutsi bo mu Rwanda bari mu kaga, kugira ngo nibabona ayo mahanga abitayeho babone icyo bitsitsaho baja kongera guteza indi ntambara ubu bategurira i Burundi cyangwa ahandi. Iyo nzira yose kandi intwari yabo ni ubugambo, ni impuha ni ingumba y'ikinyoma.

